GASIGWA Antoine
PREFECTURE GIKONGORO
COMMUNE NYAMAGABE
SECTEUR NGILYI



Nyamagabe le 14/8/1982

…eur le Chancelier des Ordres Nationaux
Présidence de la République
KIGALI

19-8-82

Chancellerie

Monsieur le Chancelier,

Nkulikije urwandiko N° 17/01.25 rwo kuwa 13/07/82,nguwo umwirondoro wanjye.

Gasigwa Antoine mwene Mbonyimbuga na Nyirampyisi,navukiye muli Komini Nyamagabe Préfecture Gikongoro muwa 1944. Mvuka Data ntawe uriho ku buryo ntamuzi.Mama arandera ndakura.Muwa 1952 nibwo natangiye ishuli,niga muli paroisse ya Cyanika ho muli Gikongoro. Ngeze mu mwaka wa kane ubanza nibwo nabatijwe.Muw'i 1957 narangije umwaka wa gatandatu ubanza ndataha njya imuhira mfasha umubyeyi wanjye aliwe mama, nkaba nali kumwe na mukuru wanjye,nawe tubana neza.Ndakura mba umusore. Mu kigero cy'imyaka 18 ninjira mu Ngabo z'u Rwanda,hali muw'i 1962 kw'italiki ya 13/12/1962.Nkora neza. Muw'i 1963 duterwa n'inyenzi mu Bugesera.Turwana nazo aliko byali bikomeye.Turazitsinda.Muli uwo mwaka ntizasibaga gutera mu mhande z'u Rwanda aliko biba iby'ubusa turazimenesha.Muw'i 1964 duterwa na ba Mulele baturutse muli Zaïre.Ubwo tujyayo turarwana cyane mubo twali kumwe barahagwa,imodoka nalimo barayirasa cyane.Icya gihe nakoreshaga imbunda nini yitwa M.30. Noneho muli icyo gihe mamha ipete lya Caporal kw'italiki ya 1/7/64 Hanyuma nkora mariage kuwa 7/11/1964.Ubwo nabaga muli Cie Recce itaraba Escadron kuko nayo nayibayemo.Ubwo ndakomeza ndakora hanyuma kw'itariki ya 30/9/1967 ndangiza contrat yange biturutse ku ngorane zo muli famille,mama yali ashaje.Mara imyaka ibili imuhira baduhamagara muli rappel sous les armes. Tuvuyeye mbona akazi i Rutongo muli SOMUKI itaraba SOMIRWA hali muw'i 1970. Mhakora imyaka ibili ndahava ngaruka iwacu nkora muli camp militaire muw'i 1974.Mhakora ~~imyak~~ umwaka hanyuma dusubira muli rappel le 15/11/1974.

Turangije Rappel nsaba akazi ka Douanes barakampa le 1/4/75 nkora mu Bugarama.Hanyuma kw'italiki ya 4/4/1982, nimulirwa kuli Douane ya Cyanika mu Ruhengeri.Ubu mfite umugore n'abana batandatu.

GASIGWA Antoine.

[signature]

Bimenyeshejwe:

S.E.M Le Président de
la République
KIGALI

Monsieur le Ministre à la Présidence
de la République chrgé des affaires
Economiques et Financières
KIGALI

Monsieur le Ministre de la
Fonction Publique et de l'Emploi
KIGALI